# ABADAHIGWA B'AMAHORO

RDRC

Kanama 2021

## IKINYAMAKURU CYA KOMISIYO Y'IGIHUGU YO GUSEZERERA NO GUSUBIZA MU BUZIMA BUSANZWE ABARI ABASIRIKARE



# Inkunga y'amafaranga, inama n'amahugurwa abagenerwabikorwa bahawe na RDRC yatumye baba indashyikirwa mu iterambere

United Nations Peacebuilding

Empowered lives. Resilient nations.

UNITED NATIONS RWANDA

UN WOMEN

# Ibirimo


**Ijambo ry'ibanze**........................P. 2

Abanyamuryango ba koperative TSC MUKARANGE barishimira imikoranire myiza yabo na RDRC.. ......................................................P. 3

'RDRC yadufashije kwifasha'- Ikiganiro na Rtd. Corporal Muzatsinda Samuel wahoze muri Ex FAR..........................................P. 5

Mutobo: Barakamfitiye na kanyera biteguye bate gusubizwa mu buzima busanzwe?....................P. 6

Nyagatare: Inkunga y'amafaranga, inama n'amahugurwa bahawe na RDRC, yatumye baba indashyikirwa mu iterambere...................................P. 8

'RDRC yaradusize, turinogereza'- Rtg Corporal Sumwiza avuga ku iterambere agezeho.................P.10

Rtd. Sgt Mukayiranga agiye gutangiza amashuri y'imyuga ku bana babyariye iwabo mu Karere ka Nyagatare.............................P. 11


# Ijambo ry'Ibanze

## Bakunzi b'ikinyamakuru cyacu

## "ABADAHIGWA B'AMAHORO"

Tunejejwe cyane no kubagezaho iyi nimero yacu ya Kanama 2021.

Zimwe mu mu nshingano z'ibanze za Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare (RDRC) ni ukwita ku mibereho myiza y'abagenerwabikorwa bayo hirya no hino aho batuye mu gihugu.

Ibi RDRC ibikora ibinyujije mu nkunga zitandukanye ibagenera, kubongerera ubumenyi binyuze mu mahugurwa atandukanye bahabwa, ubuvuzi bahabwa cyane cyane ku bagize ibibazo byihariye bakuye ku rugamba; nk'ubumuga, ihungabana n'ibindi.

Ibi byose rero babikorerwa hagamijwe iterambere ryabo, ariko kandi banerekwa ko iterambere ryabo rirambye nabo ubwabo barifitemo uruhare.

Niyo mpamvu rero RDRC ishyize ingufu mu kubigisha uko bakwishyira hamwe bagashinga amakoperative, bakihangira imirimo, bityo bakabasha kugira uruhare mu iterambere ry'ingo zabo, n'iry'igihugu muri rusange.

Murabizi ko ab'inkwakuzi bamaze gutera intambwe ishimishije mu iterambere ryabo babikesha kwibumbira hamwe mu makoperative y'ubuhinzi, akora imyuga, gucunga unutekano, ubucuruzi n'ibindi. Ibi ni byiza kandi birashimishije.

Gusa, hari n'abandi Banyarwanda bari gutahuka bava mu mitwe yitwaje intwaro mu mashyamba ya Congo ndetse bari kuzana n'imiryango yabo.

Aba nabo RDRC ibaha ikaze, ndetse nabo tubafasha muri byose bituma bisanga mu gihugu cyabo cyiza.

By'umwihariko ariko, nabo hari amasomo bateganyirizwa abafasha mu gihe baba basubijwe mu buzima busanzwe. Muri yo harimo: Kwiga imyuga itandukanye, gutegura imishinga, kuyicunga neza n'ibindi.

RDRC yakomeje kandi izakomeza gufasha abasirikare basubijwe mu buzima busanzwe, ibatera ingabo mu bitugu aho bari mu makoperative atandukanye.

Niyo mpamvu rero abayobozi n'abakozi ba RDRC bafata umwanya bagasura abagenerwabikorwa bayo aho bakorera maze bakungurana ibitekerezo, ahagaragaye ibibazo nabyo bigashakirwa ibisubizo.

Turashimira Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yahaye amahirwe angana abana bayo bose. Aya mahirwe rero nimuyabyaze umusaruro maze iterambere twifuza rigerweho; ushoboye guhinga ahinge, uworora yorore, ucuruza acuruze, kandi byose bikorwe kinyamwuga. Ibikorwaremezo by'ibanze byose twarabyegerejwe, ikoranabuhanga ryaraje, ahasigaye rero ni ahacu ngo duhuze imbaraga, dukore twiteze imbere, kandi burya ngo "Abishyize hamwe nta kibabanira".

**Mugire amahoro!**



Abamaze kwibumbira mu makoperative barishimira intambwe bagezeho mu iterambere: Aba ni abanyamuryango ba koperative Indatwa itwara ikanatunganya ibishingwe mu Mujyi wa Kigali.

# ABANYAMURYANGO BA KOPERATIVE TSC MUKARANGE BARISHIMIRA IMIKORANIRE MYIZA YABO NA RDRC

Abasirikare basubijwe mu buzima busanzwe bo mu Murenge wa Mukarange, Akarere ka Kayonza, Intara y'Iburasirazuba bibumbiye muri Koperative y'Inkeragutabara icunga umutekano w'abantu n'ibintu TSC Mukarange, baratangaza ko nabo batasigaye inyuma mu guteza imbere imibereho myiza yabo babifashijwemo na Komisiyo y'igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe (RDRC).



Perezida wa TSC Mukarange Rtd. Corporal Taratibu Fidele arishimira ibikorwa by'iterambere bagezeho

Aba banyamuryango bavuga ko RDRC itabafashije gusa igihe basezererwaga mu gisirikare, ko ahubwo yakomeje kubagenera inkuga zitandukanye zirimo amafaranga n'ibikoresho bitandukanye bakenera mu buzima bwabo bwa buri munsi, batibagiwe n'amahugurwa ku gutangiza imishinga no gucunga umutungo, ari nabyo byatumye koperative yabo ibasha gutera imbere.

Si ibyo gusa kubera ko banagaragaza ko batagarukiye aho kuko RDRC ibahora hafi ibagira inama, kandi ko iyo habaye ikibazo icyaricyo cyose yihutira kukibafashamo, aho batanze urugero rw'inkunga y'ingoboka bahawe muri ibi bihe u Rwanda, n'isi yose muri rusange bahanganye n'icyorezo cya Covid-19.

Perezida wa TSC Mukarange Rtd. Corporal Taratibu Fidele wasezerewe mu gisirikare cya RDF mu mwaka wa 2001 mu cyiciro cya 3, avuga ko bamaze gusezererwa mu gisirikare bicaye hamwe mu mwaka wa 2008, batangiza igikorwa cyo gucunga umutekano mu Mujyi wa Kayonza.

Icyo gihe, koperative TSC yatangiranye n'abanyamuryango 30, nyuma bakomeza kwiyongera aho kugeza ubu bageze ku banyamuryango 97 baturutse mu gisirikare cya RDF n'abavuye mu yindi mitwe yitwaje intwaro.

Perezida wa TSC Mukarange Rtd. Corporal Taratibu Fidele avuga ko uku kwishyira hamwe byatumye bahuza imbaraga n'ubumenyi bukomoka ku kazi bakoze . Yagize ati "usanga icyo tugiye gukora cyose tubanza tukicara tukagitekerezaho, tukabyemeranya hanyuma tukabishyira mu bikora. Ibi nta gushidikanya twabigezeho tubifashijwemo na RDRC yaduhurije hamwe nk'Abanyarwanda bahoze mu gisirikare gitandukanye".




Abayobozi ba TSC Mukarange imbere y'ibiro bakoreramo mu Mujyi wa Kayonza

Rtd. Corporal Taratibu Fidele yakomeje avuga ko koko 'abishyize hamwe nta kibananira', kuko batangiye bakora irondo risanzwe, none ubu bakaba bageze ku rwego rwo gucungira umutekano ibigo by'amashuri, amahoteri, amavuriro, ndetse bafitanye amasezerano n'Akarere ka Kayonza yo gucunga umutekano mu masoko, Imirenge, n'ahandi hatandukanye.

Usibye gucunga umutekano, abanyamuryango ba TSC kandi banafite imirima iri mu gishanga kitwa Kazabazana kiri mu Murenge wa Mukarange bakoreramo ubuhinzi bw'ibigori, imboga n'ibindi binyampeke.

Ku bijyanye n'imibereho y'abanyamuryango ba TSC, Perezida wa TSC Mukarange Rtd. Corporal Taratibu Fidele avuga ko kugeza ubu buri mukozi ahembwa amafaranga 30,000 frw amufasha mu buzima busanzwe, ariko kandi iyo hari uwagize ibyago koperative nawe imuha 50,000 frw, uwagize ubukwe nawe agahabwa 40,000 frw.

Muri iki gihe cy'icyorezo cya Covid-19, Rtd. Corporal Taratibu Fidele avuga ko bagize amahirwe y'uko Covid-19 yaje abanyamuryango babo bejeje ibigori, ariko ko koperative yakoze uko ishoboye ibaha amafaranga abafasha




Inkunga bahawe na RDRC, yatumye abanyamuryango ba TSC Mukarange bagura moto n'imyambaro y'akazi

kubishesha kugira ngo babashe gutunga imiryango yabo. Banahawe kandi ibikoresho by'isuku n'ibindi biribwa.

Ku bijyanye n'imikoranire yabo na RDRC, Rtd. Corporal Taratibu Fidele yagize ati "RDRC ni abafatanyabikorwa bacu bakomeje kutuba hafi cyane. Icya mbere baduhaye inama zifatika zadufashije kugira ngo tugire aho tuva naho tujya, baradusura kenshi, ndetse banaduhaye icyemezo cy'ishimwe 'certificat' y'uko twitwaye neza mu kazi kacu. "

Yakomeje agira ati "Si ibyo gusa kuko baduhaye inkunga zitandukanye z'amafaranga ntarondora hano, ariko nakubwira amafaranga asaga 1,200,000 frw twahawe yaje aherekeza icyemezo nakubwiye cy'ishimwe ry'uko twitwaye neza mu marushanwa y'imishinga y'amakoperative y'abasubijwe mu buzima busanzwe mu Ntara y'Iburasirazuba. Aya mafaranga twayakiriye mu mwaka wa 2016 maze tuguramo moto idufasha mu kazi kacu.

Si ibyo gusa kuko muri Nyakanga 2021 nabwo RDRC yaduhaye amafaranga 1,000,000 frw, maze tubasha kugura imyambaro y'akazi tuyiha abakozi bacu bose. Ubu akazi kameze neza, tugakora kinyamwuga, mbese nakubwira ko turi gutera imbere umunsi ku wundi".

Muri rusange, Rtd. Corporal Taratibu Fidele avuga ko bimwe mu byo bishimira bagezeho harimo kuba baranaguze ikibanza cya 3,000,000 frw mu mujyi wa Kayonza bazubakamo inzu z'ubucuruzi bazakodesha zikabinjiriza agatubutse, ndetse bakanashyiramo ibiro bya koperative yabo.

Aba banyamuryango banagaragaza kandi ko n'ubwo icyorezo cya Covid-19 cyabakomye mu nkokora, kugeza ubu bafite ku makonti yabo agera 3,000,000 frw.

Uwizeyimana Edouard , umukozi ushinzwe umutungo wa TSC nawe avuga ko inyungu abanyamuryango ba TSC babona zitagarukira ku mafaranga bahabwa gusa kuko banabateganyiriza mu Isanduku ya Leta y'ubwiteganyirize, amafaranga azabafasha mu gihe bazaba bageze mu zabukuru.

Undi munyamuryango wa TSC Mukarange, Rtd. Warrant Officer I Mutaganzwa Wilson nawe avuga ko koperative yabo imaze kumugeza kuri byinshi birimo kuba abasha kwita ku muryango we.

Rtd. Warrant Officer I Mutaganzwa Wilson avuga ko usibye inyungu z'amafaranga n'ubumenyi bakura muri koperative, banishimira ko yatumye abaturage babagirira ikizere, aho usanga banabifashisha kenshi mu mibereho yabo ya buri munsi.

Yagize ati "haba mu nama ziba zateguwe duhabwa umwanya tugatanga ibitekerezo byubaka igihugu cyacu. Mu birori bitandukanye turatumirwa tugatanga umusanzu wacu. Aha kandi nakubwira ko bamwe muri twe unabasanga mu buyobozi bw'inzego zitandukanye, haba mu buyobozi bw'inzego bwite za Leta, mu nzego z'abikorera, mu bimina, mu mashyirahamwe, n'ahandi. Ibi byose tubikesha kwibumbira hamwe muri koperative".

Ibi kandi ngo biza byiyongera ku myitwarire myiza iranga abahoze mu gisirikare, haba mu bo babana muri koperative yabo ya TSC Mukarange ndetse n'aho batuye hirya no hino mu Mirenge igize Akarere ka Kayonza.

Rtd. Warrant Officer I Mutaganzwa Wilson yakomeje agaragaza ko imibereho bafite kugeza ubu bayikesha ahanini kuba muri koperative, cyane ko ari yo ibafasha gukemura ibibazo byose bahura nabyo mu buzima busanzwe.

Yagize ati "ubu mbasha gutunga umuryago wanjye, ntanga ubwisungane mu kwivuza ku gihe kandi nkora 'ibindi bikorwa bigamije iterambere ry'urugo rwanjye. Kuba rero dukorana n'abaturage duturanye kandi bakatugirira icyizere, nayo ni indi nyungu nakubwira."

Aba banyamuryango bakaba barasoje bashishikariza bagenzi babo basubijwe mu buzima busanzwe, gukura amaboko mu mifuka bakitabira umurimo nk'uko babyigishijwe na RDRC, kuko ari wo soko y'iterambere rirambye.

# 'RDRC YADUFASHIJE KWIFASHA'-IKIGANIRO NA RTD. CORPORAL MUZATSINDA SAMUEL WAHOZE MURI EX FAR

Rtd. Corporal Muzatsinda Samuel ni umwe mu bahoze mu gisirikare cya Leta yatsinzwe (Ex FAR), wasubijwe mu buzima busanzwe na Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare (RDRC) utuye mu Karere ka Kayonza, Umurenge wa Mukarange, wishimira ibyo igihugu kigezeho birimo umutekano usesuye, iterambere rigaragarira buri wese, ubumwe n'ubwiyunge n'ibindi.

Rtd. Corporal Muzatsinda Samuel, kuri ubu afite imyaka 48, akaba atuye mu Murenge wa Mukarange, Akarere ka Nyagatare, Intara y'Iburasirazuba. Yasezerewe mu gisirikare mu mwaka wa 2003.

**AB: Urugendo rw'iterambere mugezeho rwahereye he?**

***MS:** "Mu by'ukuri, urugendo rwanjye rw'iterambere narutangiye nkimara guhamagarwa na RDRC ngo njye mu mahugurwa. Ndabyibuka twayakoreye mu kigo cy'amahugurwa cy'i Nyagatare. Icyo gihe batwigishije gutegura imishinga iciriritse no kwihagira imirimo.*

Ngarutse mu rugo nashyize mu bikorwa ibyo nize, ntangira ubuhinzi bw'ibigori n'ubworozi, nuko ntangira kuzamuka gutyo. Twigishijwe kandi kwibumbira mu makoperative, ubu njye ndi muri koperative icunga umutekano mu Karere ka Kayonza TSC Mukarange.

Nkiri ku buhinzi nakubwira ko nyuma twaje guhabwa na Leta igishanga cya Kazabazana. Ubu tugihingamo ibigori n'imboga.

Si ibyo gusa kuko hari 300,000 frw twahawe na RDRC ngo adufashe muri iyo mishinga yacu iduteza imbere. Aya nayo yabaye umusingi w'iterambere ryabasubijwe mu buzima busanzwe nanjye ndimo."

**AB: umaze kutwibwira aho wahereye witeza imbere. Ubu rero twavuga ko kugeza ubu umaze kugera kuki?**

**MS:** " Mu rugo rwanjye nateye imbere. Mpereye ku nyungu mvana muri koperative, nakubwira ko buri mwaka hari icyo batugenera. Baduha amafaranga adufasha gutunga umuryango wacu bitewe n'inyungu



Rtd. Corporal Muzatsinda SamuelRtd. Corporal Muzatsinda Samuel

yabonetse, icyo ni kimwe.

Ikindi nakubwira ni uko kugeza ubu mfite ubushobozi bwo kurihira umuryango wanjye ubwisungane mu kwivuza, ndetse mbasha kubarihira amashuri n'ikimenyimenyi uwa mbere ari kwitegura kuba "Dogiteri", abandi nabo bamwe bari muri za kaminuza no mu mashuri yisumbuye, murumva namwe ko ari igikorwa cy'indashyikirwa umuryango wanjye ugezeho".

**AB:** Mwatubwiye ko mwavuye mu gisirikare cyari gihanganye n'Ingabo za RPF zabohoye igihugu none ubu mwishyize hamwe murakorana. Ibi wabyakiriye ute?

Nkimara guhura na bagenzi banjye babohoye igihugu, narishimye nsubiza amaso inyuma mpindura imyumvire. Ubu tubanye neza ntacyo barya batampaye. Yewe nanakubwira ko ndi n'umuyobozi muri koperative TSC duhuriyemo twese. Aha kuba umuyobozi ntibarebe igisirikare wavuyemo, ahubwo bareba ubushobozi bwawe!."

**AB: Ubu murasabana nta kibazo?**

MS: (Aseka...) "ubusabane kandi wabubonye. Nakubwiye ko dukorera hamwe kandi tugafatanya muri byose nta kwishishanya. Ubusabane burahari nta kibazo rwose, iyo ngize ibyago baransura bakamfata mu mugongo, nagira ibirori nabyo tukabifatanya, murumva ko bishimishije."

**AB: Mwatubwiye uko mubanye n'abasirikare mwahoze muhanganye ku rugamba. Imibanire yanyu n'abaturage basanzwe yo imeze ite?**

MS: "Imibanire yacu -twe abahoze mu gisirikare basubijwe mu buzima busanzwe n'abaturage nimyiza. Abaturage dukorera hamwe mu makoperative, turahahirana kandi nabo turasabana. Dutanga ibitekerezo mu nama zitandukanye nabo bakaziduha, mbese navuga ko gahunda zose za Leta dufatanya kuzishyira mu bikorwa. Harakabaho RDRC, Harakabaho Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda!"

Mu gusoza Rtd. Corporal Muzatsinda Samuel yatanze ubutumwa kuri bagenzi be basigaye mu mashyamba ya Congo bwo kwihutira gutahuka kuko mu Rwanda ari amahoro, bityo nabo bakabasha kugira uruhare mu iterambere ryabo, n'iry'igihugu muri rusange.

# MUTOBO: BARAKAMFITIYE NA KANYERA BITEGUYE BATE GUSUBIZWA MU BUZIMA BUSANZWE?

Kanyera Rosette watahutse ava mu nyeshyamba za FDLR na Barakamfitiye Providence watahutse ava mu nyeshyamba za CNLD, imitwe yombi irwanira mu mashyamba ya Congo; ubu bari mumahugurwa abategura gusubira mu buzima busanzwe zibera I Mutobo mu Karere ka Musanze.

Aba bombi baravuga ko uyu munsi bamaze kongera kwiyumvamo ubunyarwanda kandi ko bakunze igihugu cyabo kubera urugwiro bakiranwe mu Rwanda, uko bafashwe mu kigo cya Mutobo n'amasomo bakomeje guhabwa.

Kanyera w'imyaka 41 watahutse afite ipeti rya Staff Sergeant mu nyeshyamba za FDLR avuga ko yahunganye n'ababyeyi be mu 1994 akiri muto, maze yinjira mu nyeshyamba za FDLR mu 1999 ubwo yari afite imyaka18, aho yabaye umusirikari kugera ubwo afashe umwanzuro wo gutaha mu 2019.

Avuga ko ubuzima bwo kuba mu nyeshyamba ari umugore bwari ubuzima bugoye kuko yakoraga ibikorwa bya gisirikare byose kimwe n'abagabo, ariko agatinya kugaruka mu Rwanda kubera ko ngo baterwaga ubwoba ko utahutse mu Rwanda ahita afungwa cyangwa akicwa.

Kanyera Rosette avuga ko usanga ahanini abayobozi babo n'abandi basize bahekuye u Rwanda ari bo bagendaga bakwirakwiza amakuru y'ibihuha ku Rwanda batinya ko Abanyarwanda bari iyo mu mashyamba nibamenya amakuru nyayo ku Rwanda bazatahuka ku bwinshi maze bakabura aho bavana abarwanyi.

Aba kandi ngo ni nabo wasangaga bashyira ingengabitekerezo y'amacakubiri mu bana bato ndetse bakanabinjiza mu gisirikare bagamije kubona ababafasha urugamba.

Yagize ati "Ubuzima bwo kuba mu mashyamba uri umugore buragoye cyane kuko imirimo yose ya gisirikare natwe abagore twarayikoraga. Niba bavuze bati mugomba kujya kurwana ahantu runaka natwe twajyagayo, niba ari ukwitegura ko bashobora kudutera ibikoresho uko abagabo babitwaraga ni nako natwe twabitwaraga, mbese imirimo yose twarayifatanyaga, niba ari ukujya gucunga umutekano n'ijoro kugira ngo umwanzi atatwinjirana, ibyo byose natwe abagore twarabikoraga. "



Kanyera Rosette avuga ko amasomo yahawe i Mutobo azamufasha kwihutisha iterambere ry'urugo rwe

Ari ko kandi ngo nubwo bimeze gutya, hari Abanyarwanda bari mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo bamaze kumenya ukuri babikesheje amaterefoni n'amaradiyo bafite, abandi nabo ubu ngo bamaze kurambirwa kwirirwa biruka mu mashyamba ya Congo ku buryo afite (Kanyera) icyizere ko nabo bazatahuka vuba.

Kanyera Rosette avuga ko mu 2017 yavuye mu nkambi ya gisirikari ajya gutura mu giturage kuko yari atwite. Nyuma yaje kumenya ko umugabo we (nawe wari inyeshyamba muri FDLR) yafashwe n'ingabo za Congo zikamuzana mu Rwanda nawe asaba Umuryango w'Abibumbye wita ku mpunzi (HCR) ko wamucyura agasanga umugabo we.

Rosette ageze mu Rwanda yabanje gusubira mu muryango w'iwabo w'umugabo we mu gihe umugabo we yari yarajyanwe I Mutobo gutegurwa gusubizwa mu buzima busanzwe. Nyuma y'uko bimenyekanye ko umugore nawe yabaye mu ngabo za FDLR nawe yazanwe i Mutobo ngo ahabwe amasomo amutegura gusubizwa mu buzima busanzwe.

Uyu mubyeyi avuga ko yageze mu Rwanda asanga igihugu kinyuranye n'uko bamubwiraga kuko yakiriwe neza n'abaturage n'abayobozi, umuryango w'umugabo we ukamuha isambu agahinga, ndetse ubuyobozi bukamugenera inka muri gahunda ya Girinka Munyarwanda.

Nyuma y'uko yitabiriye amasomo i Mutobo, avuga ko anezerewe kuko ari kwiga amateka y'igihugu n' uburere mboneragihugu, ndetse ubu akaba yarahisemo no kwiga umwuga w'ubudozi yiteguye kuzabyaza amafaranga narangiza aya masomo i Mutobo.

Yagize ati: "hano i Mutobo, uretse imirimo y'isuku dukora, ubundi turabyuka tugafata ifunguro rya mu gitondo, tukajya kwiga, saa sita tukajya kurya, nyuma tugasubira mu ishuri kugera nimugoroba, twasohoka tukarya, tukareba televiziyo ubundi tukaryama."

Yakomeje agira ati "mu mezi umunani namaze mu muryango ntaraza gufata amasomo hano, ikintu kidasanzwe nabonye mu Rwanda ni uko ubuyobozi u Rwanda rufite buyobora neza kandi bukita ku baturage barwo. Nagiye mbona uburyo abaturage bibumbiye mu makoperative bagakorera hamwe, nabonye ukuntu abaturage babitsa mu mabanki bakanabona inguzanyo, nabonye ukuntu ubuyobozi bwita ku bakene, nabonye ukuntu abaturage bose boroye inka ndetse nanjye



Barakamfitiye Providence yiteguye gusubizwa mu buzima busanzwe maze akiteza imbere nk'abandi

barayimpaye, mbese nabonye u Rwanda ruteye imbere birenze kure ibyo batubwiraga iyo mu mashyamba ya Repubulika Iharanaira demokarasi ya Congo".

Kanyera Rosette avuga ko igihe gitinze kugera ngo arangize amasomo ye ajye gukora nawe yiteze imbere nk'abandi. Avuga ko mbere y'uko aza i Mutobo yasize ateye urutoki ndetse agura ingurube isanga inka bamuhaye muri Girinka, akavuga ko ibi bizamufasha guhagurukana imbaraga mu rugendo rw'iterambere.

Barakamfitiye Providence wari ufite ipeti rya Sgt Major mu nyeshyamba za CNLD, na we watahutse mu 2019 avuga ko yatahukanye abana 4. Avuga ko yinjiye mu mutwe witwaje intwaro wari uzwi ku izina ry'Abacengezi ubwo bagabaga ibitero mu Rwanda mu 1997, nyuma agasubirana nawo mu mashyamba ya Congo umaze gukubitwa incuro n'ingabo z'u Rwanda. Avuga ko yabanje kuba muri FDRL nyuma aza kujya muri CNLD ari naho we n'abandi barwanyi bagenzi be bafatiwe n'ingabo za Congo mu 2019 bazanwa mu Rwanda maze ajyanwa mu nkambi ya Nyarushishi, nyuma azanwa i Mutobo.

Uyu mubyeyi na we ashimangira ko yaje afite ubwoba ariko akimara kubona urugwiro yakiranwe bugenda bushira.

Yagize ati "batugejeje ku mupaka twasanze Abanyarwanda batwiteguye n'amamodoka menshi, batujyana i Nyarushishi babanza kuduha ibikoresho by'ibanze birimo imyenda, amasabune n'amavuta, baratugaburira, mbese batwakira neza. Nyuma y'ibyumweru bibiri batuzana hano I Mutobo, tuhageze na ho dusanga ni nko mu rugo kuko bakomeje kutwitaho, abarwaye bakabavuza, abana bacu bakiri bato bakabona amata, ubu tukaba turi kwiga imyuga, mbese nta kibazo dufite".

Avuga ko kubera uburyo yasanze u Rwanda rukataje mu kubaka ibikorwaremezo yahisemo kwiga umwuga w'ubwubatsi kugira ngo na we atange umusanzu mu kubaka igihugu ari nako nawe yiteza imbere kuko ubwubatsi buri gutanga akazi kenshi ku baturage.

Icyo aba babyeyi bombi bahurizaho ni uko biteguye gusubira mu muryango nyarwanda, maze bagakura amaboko mu mufuka bagashyira mu bikorwa imyuga bize. Aha, kandi banagaragaza ko bahinduye imyumvire, ko bazabana neza nabo bazahasanga kandi bagafatanyiriza hamwe gushyira mu bikorwa gahunda zose za Leta.

Umuyobozi w'Ikigo cya Mutobo, Majoro RUTAGENGWA Samuel avuga ko byagaragaye ko iyo abava mu mitwe yitwaje intwaro mu mashyamba ya Congo bamaze guhabwa aya masomo yose usanga barahindutse cyane. Yagize ati "iyo barangije amasomo yabo baba bafite ubumenyi buhagije ku gihugu cyabo, kandi usanga bafite inyota yo gukora cyane bakiteza imbere".

Byongeye kandi, Majoro RUTAGENGWA Samuel yagaragaje ko usibye kwigisha aba barwanyi imyuga, RDRC inabagenera ibikoresho hakurikijwe imyuga yize bibafasha gutangira gushyira mu bikorwa ibyo bize bakigera iwabo. Banahabwa kandi inkunga y'amafaranga 60,000 frw abafasha kugera iwabo, abagore bagahabwa 100,000 frw abafasha mu gutangira imishinga iciriritse, mu gihe abagize imiryango yasubijwe mu buzima busanzwe nabo bagenerwa 300,000 frw nayo abafasha gukora imishinga ibateza imbere.

Usibye izi nkunga zose, Majoro RUTAGENGWA Samuel yanagaragaje ko abana bato bari kumwe na ba nyina i Mutobo nabo bashakirwa ahantu heza ho gushyirwa kandi bakitabwaho by'umwihariko haba mu mibereho yabo, ndetse bagashakirwa n'ibikoresho bindi bakenera umunsi ku wundi.

Aha twababwira ko RDRC yabashakiye ibyumba byujuje ibikoresho byose bigenerwa abana hakurikijwe ikigero cyabo. Ababyeyi nabo bashakiwe aho babonkereza hameze neza, kandi bagenerwa amata abafasha mu mikurire myiza yabo.

Aba bahoze ari abarwanyi batorezwa Mutobo mu cyiciro cya 67 n'icya 68 baturutse ahanini muri Kivu y'Amajyepfo n'iy'Amajyaruguru. Icyiciro cya 67 kigizwe n'abantu 268 (abagabo 234 n'abagore 34), cyatangiye amasomo ku wa 4 Gashyantare 2020, naho abari mu cya 68 kigizwe n'abantu 158 (abagabo 154 n'abagore 4) gitangira amasomo ku wa 3 Ugushyingo 2020.

# NYAGATARE: INKUNGA BAHAWE NA RDRC YATUMYE BABA INDASHYIKIRWA MU ITERAMBERE

Abanyamuryango ba koperative ikora ibijyanye n'ububaji y'abasezerewe mu gisirikare basubijwe mu buzima busanzwe bo mu Karere ka Nyagatare, Intara y'Iburasirazuba (UCC), baratangaza ko kugeza ubu babaye indashyikirwa mu iterambere mu gace batuyemo, babikesha inkunga, inama n'amahugurwa bahawe na Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare (RDRC).

Nkuko bitangazwa na Perezida wa UCC, Rtd. Private Muhire Philippe wasezerewe mu gisirikare cya Ex APR, iyi koperative yabo yabonye ubuzima gatozi ku wa 23 Ukwakira 2009, ikaba igizwe n'abanyamuryango 271, abagore 17 n'abagabo 254. Muri aba banyamuryango bose, 80% byabo ni abasirikare bamugariye ku rugamba rwo kubohora igihugu.

Ku bijyanye n'ibyo bakora, Perezida wa UCC Rtd. Private Muhire Philippe avuga ko nyuma yo kwishyira hamwe bagiye gukorera mu gakiriro k'Akarere ka Nyagatare kari mu Murenge wa Nyagatare, Akagari ka Barisha, batangira kubaza no koza imbaho, gukora utubati, ameza, inzugi, intebe, n'ibindi bikoresho bigendanye n'ububaji.

Si ibyo gusa kuko Rtd. Private Muhire Philippe, anagaragaza ko banafite ibikorwa byo kubumba amatafari, ibi nabyo bikaba byunganira imibereho y'abanyamuryango babo.

Ibi byose ngo babigezeho nyuma yo guhabwa amahugurwa na RDRC ku bijyanye no kwibumbira mu makoperative, guhanga imirimo ndetse n'icungamutungo.



Bamwe mu banyamuryango ba koperative UCC berekana ibyo bakora

Rtd. Private Muhire Philippe yagize ati "turashimira mbere na mbere RDRC yadufashije cyane mu gusubira mu buzima busanzwe, twahawe amahugurwa atandukanye yadufashije guhuza imbaraga, ubumwe n'ubwiyunge, ndetse tunahabwa inama z'imishinga twakora tukiteza imbere tudategereje gusa ak'imuhana."

Mu guhuza imbaraga, aba banyamuryango bavuga ko ntawe baheza cyane ko kugeza ubu UCC igizwe n'abavuye mu girisikare cya RDF, Ex FAR, no mu yindi mitwe yitwaje intwaro.

Rtd. Private Muhire Philippe yagize ati "ubumwe n'ubwiyunge twe twabugezeho kera. Kuba twari duhanganye ku rugamba ntitubigenderaho, twese turi Abanyarwanda, icyo tureba ni ukuba warasubijwe mu buzima busanzwe, igisirikare icyari cyo cyose waturutsemo turakwakira."

Rtd. Lieutenant Rwibasira Michel, umwe mu bagize uruhare mu ishingwa rya UCC, nawe avuga ko intego ya Leta y'u Rwanda ari ubumwe bw'Abanyarwanda, ari nayo mpamvu ngo abahoze mu mashyamba ya Congo bagitangira gutahuka bahawe ikaze muri UCC.

Yagize ati "baraje rero turabakira. Turafatanyije muri byose, twese turi umwe nta kibazo dufitanye. Ubu turi abasirikare bubaka igihugu, imbaraga twarazihuze twiteza imbere.

Rtd.Lieutenant Rwibasira Michel, akomeza agaragaza ko kandi kugeza ubu imibanire yabo (abahoze muri RDF) n'abandi (abavuye mu mitwe yitwaje intwaro), imeze neza, cyane ko iyo hari ugize ikibazo bamufasha kugikemura. Yagize ati "ufite inzu yasenyutse turamufasha akayisana, iyo hari uwitabye Imana dufata amafaranga tukagura isanduku tukamushyingura, gutyo gutyo".

Ku bijyanye n'umutungo wa koperative, Perezida wayo Rtd. Private Muhire Philippe avuga ko kugeza ubu iyo babaze igishoro, amamashini bafite, ndetse n'amafaraga bafite kuri konti basanga UCC nibura ifite umutungo ungana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni 100 (100,000,000 frw).

**Abanyamuryango ba UCC barishimira ibyo koperative yabo ibagejejeho**

Iyo uganiriye n'abanyamuryango ba UCC, bakugaragariza ibikorwa bitandukanye by'iterambere rifatika bafite, bavana mu nyungu y'ububaji n'ububumbyi bw'amatafari.



Rtd. Lieutenant Rwibasira Michel, umwe mu bagize uruhare mu ishingwa rya UCC.



**Rtd. Private Ntirenganya Jean Pierre (ibumoso) ni umwe mu bigishijwe umwuga w'ububaji na RDRC. Ubu ageze kure yiteza imbere abikesha umwuga we**

Bamwe bubatse amazu meza babamo, bakora ubucuruzi, abandi baguze imirima bakoreramo ubuhinzi, ibibanza, amatungo, ndetse batangiye no kugura ibinyabiziga bibafasha mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Rtd. Private Muhire Philippe ati "ibi byose tubigezeho kubera RDRC yatubaye hafi mu bihe byoze twanyuzemo kuva twasezererwa mu gisirikare kugeza ubu. Nakubwira ko nk'ejo bundi abakozi ba RDRC baje badutera inkunga ya 2,000,000 frw yo kudufasha kuzahura ubukungu bwacu bwashegeshwe na Covid-19, kandi icyiciro cya mbere kingana nn'amafaranga 1,000,000 frw yatugezeho ku wa 15 Kamena 2021, maze adufasha kongera igishoro cy'imbaho."

Ku rundi ruhande Rtd.Lieutenant Rwibasira Michel, nawe avuga ko RDRC ibaba hafi igihe cyose. Yagize ati "RDRC iradukurikirana igihe cyose, yewe hari n'ubwo tujya guhomba bakaza bakadufasha. Bakubwiye amafaranga baduhaye. Si ayo gusa, kuko byonyine amahugurwa duhabwa ku icungamutungo ariyo yatumye tugera aho tugeze ubu."

Perezida wa UCC Rtd. Private Muhire Philippe yakomeje avuga ko mu rwego rwo gufasha abanyamuryango kwiteza imbere, ubishatse abagana bakamuguriza, maze nawe agashaka ikindi yakora cyakunganira imibereho ye.

Yagize ati "ubu twe inaha turi indashyikirwa mu iterambere nk'abandi Banyarwanda, ubuzima buragenda neza, abana bariga, barivuza kandi turizigamira mu bimina, ndetse tunafite amakonti mu mabanki".

Muri ibi bihe bya Covid-19, Rtd. Private Muhire Philippe avuga ko bafashe iya mbere mu kugoboka abanyamuryango babo bahereye ku batishoboye kurusha abandi, aho babahaye ibiribwa n'amafaranga yo kwifashisha mu buzima busanzwe.

Undi munyamuryango wa UCC umaze kwiteza imbere ni Rtd. Private Ntirenganya Jean Pierre w'imyaka 42 wasezerewe mu gisirikare cya RDF. Usibye kuba ari umunyamuryago, Private Ntirenganya Jean Pierre yahawe n'akazi ko gukoresha imashini zibaza akaba ahembwa amafaranga 60,000 frw buri kwezi ni ukuvuga ko mu myaka 5 yose amaze akorera koperative amaze guhabwa 3,600,000 frw.

Aya mafaranga niyo yamufashije kubaka inzu y'amabati 30 ifite agaciro ka 3,000,000 frw, kurihira abana amashuri, ubwisungane mu kwivuza ndetse anagura amatungo, aho kugeza ubu afite ingurube 4 n'inka 2. Aya matungo nayo amufasha gutunga umuryango we ugizwe n'umugore we n'abana 4.

Yagize ati "ndashimira RDRC cyane kuko uyu mwuga w'ububaji nawize ku nkunga yabo. Nyuma yo gusezererwa mu gisirikare ndi umwe mu bagize amahirwe yo koherezwa muri ESSO Butare kwiga imyuga. Nizeyo umwuga w'ububaji imyaka itatu, mvuyeyo ntangira kuwushyira mu bikorwa, murabona ko maze kugera ku iterambere rigaragara."

Mu buzima busanzwe, abanyamuryango ba UCC banakomeje bagaragaza ko nk'abahoze mu gisirikare babanye neza n'abaturage basanzwe kuva basubizwa mu buzima busanzwe, aho usanga bafashanya muri byose muri gahunda za Leta zitandukanye.

Perezida wa UCC Rtd. Private Muhire Philippe yagize ati "abaturage turakorana cyane, tubaha akazi bakadufasha, twungurana inama buri gihe, turatwererana kandi tukanatabarana. Ibi ni ibisanzwe kuko mu girikare twatojwe byinshi birimo n'imibanire myiza n'abandi, ndetse mbere yo gusubizwa mu buzima busanzwe RDRC nayo iraduhugura, aha ndavuga cyane cyane ku baturuka mu mashyamba ya Congo ".

Abamanyamuryango ba UCC bakomeje bagaragaza ko mu bihe biri imbere bafite intego yo kuba ikigo kinini, bityo bakagura ibikorwa byabo by'ububaji n'ububumbyi bw'amatafari aho bateganya kongera igishoro cy'imbaho n'umubare w'amatanura y'amatafari batwika, maze ubuzima bw'abanyamuryango babo bugakomeza kuba bwiza, ari nako barushaho kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu cyacu muri rusange.Abahoze mu ngabo zari iza RPA bamugariye ku rugamba rwo kubohora igihugu ndetse n'abasheshe akanguhe batuye mu Mudugudu w'icyitegererezo uri mu Mudugudu wa Karambo, Akagali ka Mukuyu, Umurenge wa Bumbogo, mu Karere ka Gasabo; baravuga ko nyuma y'ubuzima bubi babayemo bw'ubukode no guhora bimuka, ubu bashimira Komisiyo Y'igihugu Yo Gusezerera N0 Gusubiza Mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikari yabubakiye amazu yo kubamo.

# RTD. CORPORAL SUMWIZA ARISHIMIRA ITERAMBERE AGEZEHO KU NKUNGA YA RDRC

Rtd. Corporal Jane Sumwiza wasezerewe mu gisirikare cyabohoye igihugu cya Ex APR mu cyiciro cya 1 mu 1997 utuye mu Mudugudu wa Mirama ya I, Akagari ka Nyagatare, Umurenge wa Nyagatare, Akarere ka Nyagatare, Intara y'Iburasirazuba, aratangaza ko ibyo bagezeho byose babikesha Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare (RDRC) kuko iri mu babahaye ubushobozi bw'ibanze bwo gutangira ibikorwa bitandukanye bibabeshejeho ubu.



Ubucuruzi bw'amata bwa Rtd. Corporal Jane Sumwiza bumwinjiriza 60,000 frw buri kwezi

Rtd. Corporal Jane Sumwiza akaba yishimira ko kugeza ubu akomeje gutera imbere haba mu rugo rwe, ndetse no bucuruzi bw'imyaka n'amata akorera mu isanteri ya Mirama ya I; ubu akaba abasha kwita no gutunga umuryango we ugizwe n'abana 7 yasigiwe n'umugabo we.

Aha, Rtd. Corporal Jane Sumwiza agaragaza ko mbere yo gutangira ubuzima busanzwe, RDRC yabahaye inkunga zitandukanye zirimo n'amafaranga 300,000 frw yamugobotse mu bihe byari bigoye.

Yagize ati "ndabyibuka neza bampaye 300,000 frw. Nari mu bihe byari bigoye cyane, ariko Imana yaramfashije ayo mafaranga anteza imbere, ni naho nahereye, mbese ni bwo buzima ubona mfite ubu. Aya mafaranga mbere na mbere yamfashije kwishyurira abana amashuri, ubu 3 barangije ayisumbuye. Ubu ngubu nta kibazo dufite, turivuza, dutanga ubwisungane mu kwivuza tubikesha igihugu cyacu cyiza."

**RDRC yaradusize, turinogereza**

Kugeza ubu, Rtd. Corporal Jane Sumwiza afite ubucuruzi bw'amata ndetse n'imyaka. Yagize ati "nkuko dutuye mu Mutara, haba inka hakaba n'amata. Ariko abantu bose ntibafite inka, rero muri bwa bumenyi RDRC yaduhaye bwo kwihangira imirimo naratekereje nsanga nkwiye kubyaza umusaruro ayo mata. Nibwo nahisemo gucuruza amata n'imyaka".

Ku bijyanye n'ubucuruzi bw'amata, Rtd. Corporal Jane Sumwiza avuga ko bumwinjiriza amafaranga "menshi" agera ku 60,000 frw buri kwezi atabariyemo ayo abana baba banyoye.

Ku myaka, Rtd. Corporal Jane Sumwiza avuga ko yo imwinjiriza agera ku 70,000 frw atabariyemo ibyo baba bariye, bivuze ko ku kwezi yinjiza amafaranga nibura 130,000 frw.

Aha ni naho yahereye atanga ubutumwa ku bagore batitabira umurimo agira ati "burya Abanyarwanda bajya bavuga ngo inkingi imwe ntigera inzu, kandi ngo akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze. Burya buri wese aba agomba kubana n'abandi bagahuza imbaraga kandi bagahora bihugura. Urugero ni nkuko niteje imbere mbikesheje amahugurwa n'inama nahawe na RDRC. Nanjye ubu mfite benshi twaganira nkabereka aho navuye naho ngeze. Nahereye kuri duke cyane ariko murabona ko ubucuruzi bwanjye bugenda butera imbere ku buryo bugaragara.


Aha niho Rtd. Corporal Sumwiza Jane abika imyaka acuruza

Rtd. Corporal Jane Sumwiza yakomeje agira ati "ibanga nakoresheje nta rindi. Natangiye mpinga, uturaka tubonetse nkadukora, bituma ya mafaranga nahawe na RDRC agira icyo amfasha. Iyo nza kuyafata mu ntoki nkicecekera aba yarashize. "

Rtd. Corporal Jane Sumwiza yakomeje avuga ko ikindi cyamufashije mu iterambere rye ari amahugurwa yahawe ku bijyanye no gucunga neza umutungo no kwizigamira.

Yagize ati "iyo umuntu amaze kugera ku mafaranga aba agomba kwizigamira kugira ngo abashe kuyakoresha neza ndetse abone nuko yaka n'inguzanyo. Urugero nkanjye ubu ndizigamira mu bimina ndetse no muri SACCO. Burya si ngombwa ko hizigamira ufite amafaranga menshi kuko n'ufite make aba agomba kuyacunga neza kugira ngo yiyongere".

Rtd. Corporal Jane Sumwiza yanagaragaje ko kandi yishimira ko ubumwe n'ubwiyunge barwaniye bwagezweho, kuko kugeza ubu Abanyarwanda babanye neza nta rwikekwe, nta no kwishishanya.

By'umwihariko yanagaragaje ko bishimishije kuba bo nk'abahoze mu gisirikare basubiye mu muryango nyarwanda bakabana neza n'abaturage basanzwe kandi bagakorera hamwe ari nako bafatanya muri byose byaba ibyiza cyangwa ibibi.

# RTD. SGT MUKAYIRANGA AGIYE GUTANGIZA AMASHURI Y'IMYUGA KU BANA BABYARIYE IWABO MU KARERE KA NYAGATARE

Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga utuye mu Mudugudu wa Kinihira, Akagari ka Barisha, Umurenge wa Nyagatare, Intara y'Iburasirazuba, aratangaza ko mu rwego rwo gukomeza gutanga umusanzu mu kubaka umuryango nyarwanda, agiye gutangiza ishuri ry'imyuga ku bakobwa batewe inda imburagihe, ndetse ibikorwa byo kubabarura byaratangiye.

Iki gikorwa cy'indashyikirwa yagitekereje nyuma yo gusezererwa mu gisirikare cya RDF no gusubizwa mu buzima busanzwe na Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare (RDRC), maze akagenda akiteza imbere ku buryo bugaragara.

Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga ufite imyaka 43 n'abana 4 yagize ati "maze kwiteza imbere naricaye ndeba umusanzu natanga mu gukomeza kubaka igihugu nafatanyije na basaza banjye kubohora, maze nsanga nkwiye gufasha abana babyariye iwabo, cyane ko kugeza ubu usanga bamaze kuba benshi hano mu Karere ka Nyagatare. Njyewe ubwanjye maze kubona abasaga 70, kandi muri rusange bugarijwe n'ibibazo bitandukanye bo n'abana babo."

Yakomeje avuga ko gutangiza uyu mushinga we bizamutwara asaga 800,000 frw kandi ko hari bimwe mu bikoresho amaze kugura birimo imashini idoda ndetse yanabonye abarimu 2.
Yagize ati "hari n'abaterankunga turimo tuvugana. Ikibazo nakiganiriyeho n'ubuyobozi bwite bwa Leta ndetse na Kiriziya Gaturika, Diyosezi ya Byumba, rero ndumva umushinga wanjye uzagenda neza. Abana tuzabigisha kudoda imyenda, gufuma, kuboha, guteka, n'ibindi".

**Urugendo rw'iterambere yarutangiye amaze gusubizwa mu buzima busanzwe**

Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga agaragaza ko urugendo rw'iterambere yarutangiye nyuma yo gusubizwa mu buzima busanzwe.

Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga yatubwiye ko ibyo agezeho byose abikesha RDRC mbere na mbere yamuhaye amahugurwa yo kwiteza imbere no gucunga umutungo. Yagize ati "yaduhaye amahugurwa menshi, baradusura bakatugira n'inama zifatika".



Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga abarura abana babyariye iwabo azigisha imyuga

Usibye amahugurwa Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga avuga ko inkomoko y'umutungo we inafitanye isano n'amafaranga yahawe na RDRC ubwo yabasubizaga mu buzima busanzwe.

Yagize ati "Bakimara kudusezerera hari amafaranga 100,000 frw agenerwa abagore RDRC yaduhaye. Burya nta mafaranga make abaho. Naratashye nkuko nabikubwiye ntangira ubucuruzi buciriritse ari nako ngana ibigo by'imari, nuko ntangira gutera imbere gutyo".

Nyuma kandi yo gutangiza ubucuruzi buciriritse Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga avuga ko yanaguze ihene 3 zirororoka, maze anigira inama yo gufata inguzanyo muri banki ya 300,000 frw maze ahinga ibigori, nuko atangira kuzamuka gutyo.

Yagize ati "Kugeza ubu, urugo rwanjye rubayeho neza. Inaha nanjye mbarirwa mu bakire, kandi ibi byose mbikesha umutekano twaharaniye. Urugamba rw'amasasu rwararangiye, ubu hasigaye urw'iterambere."

Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga anavuga kandi ko RDRC yanabigishije kwizigamira kandi nabyo yabishyize mu bikorwa. Yagize ati "twigishijwe kujya mu makoperative no kwizigamira. Nakubwira ko njyewe amafaranga yose mbonye nyashyira mu bimina, hari ubwo nshyiramo 50,000frw cyangwa 100,000 frw bitewe nayo ninjije, iyo tugabanye rero hari ubwo mfata asaga 500,000 frw mu mezi 2".

Mu byo agaragaza amaze kugeraho ni inzu atuyemo iri mu Mudugudu wa Kinihira, n'indi ifite ibyumba bikodeshwa yaguze mu mwaka wa 2013 kugeza ubu ikaba ifite agaciro ka 13,000,000 frw.

Yagize ati "iyi nzu imfatiye runini kuko inyinziriza 75,000 frw buri kwezi. Nakubwira ko kuba ndi umwe mu badamu bahoze mu gisirikare biteje imbere nakoresheje ibanga rwo gushirika ubute nkatekereza kure, kandi nkakora cyane."

Usibye amazu afite, Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga akora n'ubuhinzi bw'imboga ndetse anoroye n'inka ya kijyambere itanga umukamo. Kugeza ubu iyo nka imaze kubyara 3.

Ku bijyanye n'imboga Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga ahinga amashu, karoti n'intoryi, kandi ko iyo zeze buri cyumweru intoryi zimwinjiriza 7,000 frw, naho karoti zo zaba zeze zikamwinziriza 100,000 frw buri mezi 3.

Rtd. Sgt Dorothée Mukayiranga yasoje asaba abagore muri rusange gukura amaboko mu mufuka bagakora, bityo bagafasha ingo zabo kugera ku iterambere rirambye.




**'Abishyize hamwe nta kibananira'. Ku nkunga ya RDRC, aba bishyize hamwe bacunga umutekano w'abantu n'ibintu.**



**Abagore bahoze mu gisirikare bakomeje gutera intambwe mu iterambere. Rtd Sgt Mukayiranga Dorothée yashoye imari mu bibanza**


**ADDRESS**

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no
Gusubiza mu Buzima Busanzwe abari Abasirikare **(RDRC)**

P.O. Box: 7277 Kigali, Rwanda
**Email:** demob@rdrc.org.rw/demobrwanda@yahoo.com
**Tel:** +250 587159/ **Fax:** +250 587160
**Website:** www.demobrwanda.gov.rw